**Rwanda Standards Board**
**ISO 9001 Certified**

Kigali: 03/03/2025

Reference: 1784/RSB/DG/NSD/2025

**GUHAMAGARIRA ABABYIFUZA KWITABIRA AMAHUGURWA Y'UBURYO BWO GUKORA UBUGENZUZI KU KUNOZA IMIKORERE HASHINGIWE KU IBWIRIZA RY'UBUZIRANENGE RS ISO 19011: 2018**

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyateguye amahugurwa mu rwego rwo kwigisha mu buryo bwimbitse uburyo bwo gukora ubugenzuzi ku kunoza imikorere bishingiye ku ibwiriza ry'ubuziranenge (RS ISO 19011: 2018). Muri ayo mahugurwa, abazayitabira bazafashwa kumenya neza amahame agenderwaho mu kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza y'ubuziranenge, bazafashwa kumenya neza uko ubugenzuzi butegurwa, uko bukorwa n'uburyo bwo gukora raporo y'ibyavuye mu bugenzuzi mu rwego rwo gufasha kunoza imikorere hagendewe ku biteganywa n'amabwiriza y'ubuziranenge.

Ubumenyi n'ubushobozi bizatangirwa muri ayo mahugurwa bizafasha abazayahabwa gusuzuma urwego ikigo kigezeho cyubahiriza ibisabwa n'amabwiriza y'ubuziranenge mu kunoza imikorere ndetse n' uburyo bwo gufata ibyemezo n'ingamba bikwiye mu kurushaho kunoza imikorere.
Ni muri urwo rwego RSB yateguye amahugurwa yavuzwe haruguru azamara iminsi ine (4) azatangira ku wa **24** kugeza **27 Werurwe 2025**, akazabera mu karere ka Kicukiro umujyi wa Kigali.

RSB irahamagarira ibigo ndetse n'abantu ku giti cyabo bifuza kwitabira aya mahugurwa kwiyandikisha buzuza ifishi iboneka ku murongo https://forms.gle/czY1259QUCPCvUef7 bitarenze tariki ya **13 Werurwe 2025**. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwa kuzuriza buri mukozi iye fishi.

Abazitabira aya mahugurwa bagomba kuba barahuguwe byibura kuri rimwe mu mabwiriza y'ubuziranenge ku kunoza imikorere (*Management system standards*).

Ku bijyanye n'ikiguzi cyo kwitabira ndetse n'ibindi bisobanuro mwakenera bijyanye n'aya mahugurwa, mwabaza MUKABAYIZERE Joy Denyse kuri email **dj.mukabayizere@rsb.gov.rw** cyangwa kuri telephone ngendanwa +250788212673.

Bikorewe i Kigali kuwa ……/……/2025

RWANDA STANDARDS BOARD (RSB)
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MURENZI Raymond**
**Umuyobozi Mukuru**

**KK 15 Rd, 49 Kicukiro**
**Hotline: 3250**
**P.O.BOX 7099, Kigali-Rwanda**
**Email: info@rsb.gov.rw**
**Telephone: (+250)788303492**
**Website: www.rsb.gov.rw**